UMUTI WAWE: Amlodipine miligarama _____

Kuki nahawe uyu muti? Mfite umuvuduko mwinshi w'amaraso. Umuvuduko mwinshi w'amaraso watera akaga utavuwe. Watera guturika kw'imitsi yo mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize umuvuduko mwinshi w'amaraso utavuwe.

Fata ikinini 1 buri gitondo ukibyuka. Si ngomba kurya mbere y'uko unywa ik kinini.

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Amolodipine ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba kuzengera, isereri, kubyimba ibirenge/utugombambari.

Izi zikurikira si ingaruka zisanzwe ariko zishobora kuza kenshi kandi zagira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira iseseme / kuruka bidahagarara, inkari zijimye, cyangwa kubabara mu nda, kubyimba mu isura, iminwa, ururimi cyangwa mu nkanka cyangwa ugorwa no guhumeka; kubabara mu gatuza cyangwa ibimenyetso byo guhagarara k'umutima birimo uburibwe mu gatuza/mu musaya/mu kuboko kw'ibumoso, kubura umwuka, cyangwa kubira cyuya bidasanzwe.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso kandi ko ufata Amlodipine.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.